

Ubutsinzi muri Yesu Kristo



Byateranijwe na Watson Goodman Aka gatabo gatangwa ku buntu

Ubutsinzi muri Yesu Kristo

Satani asobanuwe mu Ijambo ry’Imana nk’ “umutware utegeka ikirere”, ni umwanzi mukuru w’Imana kandi akaba n’ikiremwa cy’Imana cyo mu rwego rwo hejuru. Twebwe nk’ibiremwa by’Imana, turi ku rugamba twihebye. Urwo rugamba rushyamiranya KRISTO na Satani. Tugomba guhitamo kimwe muri ibyo byombi kizatubera databuja iteka, yaba KRISTO Umuremyi-ari we Imanweli (Imana iri kumwe na twe)—cyangwa Satani w’ikiremwa-akaba umutware w’ubugome bwose bugomera Imana. Mu rupfu no kuzuka kwe, KRISTO yanesheje urugamba ruzira amakemwa kubw’abo bose bazamwizera by’ukuri.

Satani agerageza kuriganya no kuyobya abantu mu buryo butari bumwe. Kuramya ni cyo gikorwa giheruka. KRISTO, Umuremyi wacu akwiriye kuramywa k’uburyo bwose. Dufitanye isano n’uwo turamya. Satani agerageza gufata mpiri bwa nyuma abantu bo mu bigo bikwirakwijwe hirya no hino ku isi mu: (1) mudendezo uva ku Mana, (2) kumvira abadayimoni, (3) gusenga “umwanzi urwanya Kristo”, (4) gusenga “igishushanyo” cye, (5) ikimenyetso cyo ku mubiri kizasabwa kugira ngo ugure cyangwa uguriske. Irinde ibyo byose!

*Imana Yaremye Lusoferi
Urwego Ruhanitse mu Ijuru*

“Umva uko Umwami Uwiteka avuga ngo wari intungane rwose, wuzuye ubwenge n’ubwiza buhebuje. Wahoze mu Edeni, ya ngo-byi y’Imana; umwambaro wawe wari ibuye ryose ry’igiciro cyinshi, odemu na pitida na yahalomu na tarushishi na shohamu na yasipi na safiro na nofekina na bareketi n’izahabu: ubuhanga bwo kubaza amashako n’imyironge bwari iwawe, mu munsu waremwemo, byose byari biringaniye.

Wari warasigiwe kugira ngo ube umukerubi utwikira, kandi nagushyizeho, kugira ngo ube ku mu-

sozi wera w’Imana; wagendagenderaga hagati y’amabuye yaka umuriro.

Yaremwe Atunganye Rwose

Wari utunganye bihebuje mu nzira zawe zose uhereye umunsi waremweho, kugeza igihe wabonetsewaho gukiraniwa.

Imana Yirukana icyaha

Wuzuyemo urugomo ruzanywe n’ubugenza bwawe bwinshi buguteraga gucumura: ni cyo cyatumye nkwirukana nk’uwanduye nkagukura ku musozi w’Imana; narakurimbuye wa mukerubi utwikira we, ngukura hagati ya ya mabuye yaka umuriro.’”

—Ezekiyeli 28:12b-16

2 NI IKI CYASEMBUYE ICYAHA CYA LUSOFERI?

**Kwibona kubanziriza kurimbu-
ka; Kandi umutima wirarira uba-
nziriza kugwa. —Imigani 16:18**

**“Ubwiza bwawe ni bwo bwateye
umutima wawe kwishyira hejuru;
kubengerana kwawe ni ko kono-
nye ubwenge bwawe: nakujugu-
nye hasi; ngutangariza imbere
y’abami kugira ngo bakwitege-
reze.” —Ezekiyeli 28:17**

Gucirwaho iteka k’ Umugome

**“‘Ububi bwawe bwinshi no gu-
kiranirwa kuva mu bugenza bwa-
we, byatumye wanduza ubuturo
bwawe bwera, ni cyo cyanteye gu-**

**kongeza umuriro ukuvuyemo; ura-
gukongora, maze nguhindurira ivu
imbere y’abakureba bose. Abaku-
nzi bose bo mu mahanga bazagu-
tangerira: wahindutse igishishana,
kandi ntabwo uzongera kubaho
ukundi.’” —Ezekiyeli 28:18, 19**

***Buri Kiremwa Kigomba Kuga-
ndukira (kumvira) Umuremyi***

**Mukorere Uwiteka munezerewe:
Muze mu maso ye muririmba. Mu-
menye yuko Uwiteka ari we Ma-
na: Ni we waturemye, natwe turi
abe; Turi ubwoko bwe, turi inta-
ma zo mu cyanya cye.**

—Zaburi 100:2, 3

***Ubushake Bwe Burwanya
ubw'Imana***

“Wa nyenyeri yo mu ruturuturu we, mwana w’umuseke ko uvuye mu ijuru, ukagwa! Uwaneshaga amahanga ko baguciye bakakugeza ku butaka! Waribwiraga uti ‘Nzazamuka nje mu ijuru, nkuze intebe yanjye y’ubwami, isumbe inyenyeri z’Imana’; kandi uti ‘Nzicara ku musozi w’iteraniro mu ruhande rw’imperera y’ikasikazi; nzazamuka ndenge aho ibicu bigarukira; nzaba nk’Isumbabyose.’

***Imirimo yo Kurimbura
Ibiri Ku Isi***

“Ariko uzamanuka ikuzimu, ugere ku ndiba ya rwa rwobo. Aba-

zakubona, bazakwitegereza cyane bagutekerezeho bati ‘Uyu ni we wahindishaga isi umushyitsi akanyeganyeza ubwami; agahindura isi ubutayu, asenya imidugudu yo muri yo, ntarekure abanyagano ngo basubire iwabo?’

Ni Ikizira Ku Mana

“Abami b’amahanga bose uko bangana basinzirira mu cyubahiro, umwami wese mu nzu ye bwite. Naho wowe bagutesheje imva yawe, utabwa nk’ishami ryanzwe urunuka, uri mu ntumbi zihinguranijwe n’inkota, zijugunywa mu mabuye yo mu rwobo.”

—Yesaya 14:12-19a

4 UKWISHYIRA UKIZANA KW'IMANA NTA KIGUHINDURA

Arababwira ati “Nabonye Satani avuye mu ijuru, agwa, asa n’umurabyo. Dore, mbahaye ubutware bwo kujya mukandagira inzoka na sikorupiyo n’imbaraga z’Umwanzi zose, kandi nta kintu kizagira icyo kibatwara rwose.”

—Luka 10:18

Mu Bamarayika Bakurikira Satani

Imana itababariye abamarayika bakoze icyaha, ahubwo ikabajungunya mu mworera, ikababoheha iminyururu y’umwijima, ngo barindirwe gucirwa ho iteka.

—2 Petero 2:4b

“Kuko abiyita Kristo n’abahanuzi b’ibinyoma bazaduka bakora

ibimenyetso bikomeye n’ibitanga-za, kugira ngo babone uko bayobya n’intore, niba bishoboka.”

—Matayo 24:24

Kuko icyanesheje umuntu kiba kimuhinduye n’imbata yacyo.

—2 Petero 2:19b

*Ijuru Rigomba Kugira Ugushaka
Kumwe Gusa—Ugushaka
kw’Imana Itunganye*

Kandi ntimwishushanye n’ab’iki gihe, ahubwo muhinduke rwose, mugize imitima mishya, kugira ngo mumenye neza ibyo Imana ishaka, ni byo byiza bishimwa kandi bitunganye rwose.

—Abaroma 12:2

**NYASAYE NIYE OUKHOYILE
OKHWINAMILWA YENYENE**

5

Isie nisie OMWAMI Nyasayewo, owakhurusia mushialo shiaMisiri. Orabeetsanga nende nyasaye oundi ta, habula isie sienyene.

—Okhuka. 5:6a, 7

Mumuheesie OMWAMI oluyali olukhoyeele eliiralie; mwitse neshiokhumuha, nimusita imbeliwe. Mumwinamile OMWAMI nimwifwalile ebiifwalo ebitakatifu.

—1 Aketsindaalo 16:29

Mana Yesu namusunjila mbu Hwaho, Setani; shichila liahandii-kwa mbu Omwinamilenje Omwami Nyasayewo, nomukhalabanila ye yenyene.

—Matsayo 4:10

Mumwinamile oyo owalonga likulu neshialo neinyanza nende ebinoko biamatsi.

—Obufwimbuli 14:7b

Mwitse, khusikame nikhumwinamila, khusikame imbeli wOMWAMI Omulonji weefwe. (*Henga Gen. 1:27.*)

—Tsitsabuli 95:6

***Abakatibwa benamilanga
oweinduli***

Ne eshialo shiosi shiali nishing'ang'aalila isolo tsana. Nibakwinamila okuyokha, shichila kwali nikuheesiye isolo oburuchi bwakwo; nibachiinamila isolo.

—Obufwimbuli 13:3b, 4a

*Satani N'Abadayimoni
Bingingira Kuramya*

Umwanzi arongera amujyana mu mpinga y'umusozi muremure cyane, amwereka ubwami bwose bwo mu isi n'ubwiza bwabwo, aramubwira ati "Biriya byose ndabiguhaha, nupfukama ukandamya."

—Matayo 4:8, 9

Nyamara abantu basigaye, bati-shwe n'ibyo byago, ntibarakihana imirimo y'intoki zabo, ngo bareke gusenga abadayimoni n'ibishushanyo byacuzwe mu izahabu no mu ifeza no mu miringa n'ibyaremwe mu mabuye no mu biti, bitabasha kureba cyangwa kumva cyangwa kugenda. —Ibyahishuwe 9:20

*Imana Irimbura Abaramya
Nka Bene abo*

Abantu bafite ikimenyetso cya ya nyamaswa bakaramya igishushanyo cyayo bafatwa n'ibisebe bikomeye bibi. Bacirwa imanza zikwiriye ibyo umuntu wese yakoze. Urupfu n'lkuzimu bijugunywa muri ya nyanja yaka umuriro. Iyo nyanja yaka umuriro ni yo rupfu rwa kabiri.

—Ibyahishuwe 16:2b; 20:13b, 14

“Ndi Uwiteka; ni ryo zina ryanjye, icyubahiro cyanjye sinzagihaha undi, n'ishimwe ryanjye sinzaraha ibishushanyo bibajwe.”

—Yesaya 42:8

**UKO ABAMARAYIKA BA KRISTO N'ABA
SATANI BAMEZE**

7

Abamarayika b'Uwiteka

***Barusha Imbaraga Abamarayika
ba Satani Baguye***

Muhimbaze Uwiteka, mwa bamarayika be mwe: Mwa banyambaraga nyinshi mwe basohoza itegeko rye, Mukumvira ijwi ry'ijambo rye. —Zaburi 103:20

Mu ijuru habaho intambara. Mikayeli n'abamarayika be batabarira kurwanya cya kiyoka. ikiyoka kirwanana n'abamarayika bacyo. Ntibanesha.

—Ibyahishuwe 12:7, 8a

***Abamarayika Bera b'Imana
Bakorera Kandi Bakarinda***

Abantu b'Uwiteka

Mbese abamarayika bose si imyuka iyikorera, itumwa gukora umurimo wo gufasha abazaragwa agakiza? —Abaheburayo 1:14

Kuko azagutegekera abamarayika be, Ngo bakurindire mu nzira zawe zose. —Zaburi 91:11

***Abamarayika Baguye (Abadayimoni)
Biyemeje Kujiyana
Umuntu Muri Gehinomu***

Ariko Umwuka avuga yeruye ati “Mu bihe bizaza bamwe bazagwa bave mu byizerwa, bite ku myuka iyobya n'inyigisho z'abadayimoni.”

—1 Timoteyo 4:1

8 NI NDE KANDI NI IKI SATANI YANGA CYANE CYANE

*Umuntu, Waremwe Mu
Ishusho y'Imana*

Umuhungu akiza, dayimoni amutura hasi, aramutigisa cyane. Yesu acyaha dayimoni, akiza umwana, amusubiza se. —Luka 9:42

Imiryango—Imigisha y'Imana

“Kandi nzaha umugisha abakwifuriza umugisha, kandi uzakuvuma nzamuvuma: kandi muri wo-we ni mo imiryango yose yo mu isi izaherwa umugisha.”
—Itangiriro 12:3

Herode... ararakara cyane, aratuma ngo bice abana b'abahungu bose bari i Betlehemu no mu mi-

sozi yose iri bugufi bwaho, bama-ze imyaka ibiri, n'abatarayimara, nk'uko yagereranyije igihe yasobanuriwe n'abo banyabwenge.

—Matayo 2:16

*Ijambo ry'Imana—Satani
Ararihabanya*

“Ni ukuri koko Imana yaravuze iti....” Iyo nzoka ibwira umugore, iti “Gupfa ntimuzapfa.”

—Itangiriro 3:1b, 4

Abizera Babyawe n'Umwuka

Umurezi wanyu Satani azerera nk'intare yivuga, ashaka uwo aconshomera. —1 Petero 5:8b

***Yigana Ikimenyetso cya
Nyiracyo***

Nta muvumo uzabaho ukundi, ahubwo intebe y'Imana n'Umwana w'Intama izaba muri urwo ru-rembo, kandi imbata zayo zizayikorera. Zizabona mu maso hayo, izina ryayo ryanditswe mu ruhan-nga rwazo. —Ibyahishuwe 22:3, 4

*(Reba imyigānire ya Satani ku
rupapuro rwa 35.)*

***Ahindura Ubutumwa Bwiza uko
Butari Akoresheje Ibinyoma***

Ahubwo ni ikindi. Hariho abantu babahagarika imitima, bagashaka kugoreka ubutumwa bwiza bwa Kristo. —Abagalatiya 1:7b

Yigana Abakozi b'Imana

Bene abo ni intumwa z'ibinyoma, ni abakozi bariganya, bigira nk'intumwa za Kristo. Kandi ibyo si igitangaza, kuko na Satani ubwe yihindura nka malayika w'umucyo.

—2 Abakorinto 11:13, 14

***Ibitangaza by'Imana birwanya
Ibitangaza by'Ibinyoma***

(2 Abates 2:9; Ibyah. 13:13, 14; 19:20)

Satani na we Akifatira Ubutware Igihe Abantu Bamuramya (Satani) cyangwa se Baramya ibigirwamana bye.

Uwiteka Mana yacu, abandi bami baradutegekaga batari wowe.

—Yesaya 26:13a

Bana bato, mwirinde ibishushanyo bisengwa. —1 Yohana 5:21

“Ntukagire izindi mana mu maso yanjye. Ntukiremere igishushanyo kibajwe, cyangwa igisa n’ishusho yose iri hejuru mu ijuru, cyangwa hasi ku butaka, cyangwa mu mazi yo hepfo y’ubutaka: ntukabyikubite imbere, ntukabikorere.”

—Kuva 20:3-5a

*Izindi mana ni ikizira ku Mana
yo mu ijuru. Ibitambo byo
Gutamba umuntu Birabujijwe*

Ntimuzabure gusenya ahantu hose amahanga muhindūra yakorereraga imana zayo, ho ku misozi

miremire no ku migufi no muni y’igiti kibisi cyose. Uzirinde gushukwa ukabakurikiza, nibamara kurimburwa imbere yawe. Ntuzagirire Uwiteka Imana yawe nka bo, kuko ikintu cyose Uwiteka yita ikizira, akacyanga urunuka, bagikorera imana zabo; ndetse n’abahungu babo n’abakobwa babo babosereze imana zabo.

—Gutegeka Kwa Kabiri 12:2,
na 30a, 31

...Ese natanga...imbuto y’umubiri wanjye nkayihonga ku cyaha cy’ubugingo bwanjye?

—Mika 6:7b

Amaraso ya Yesu Yozaho icyaha.

Kuko baguraniye ukuri kw’Imana gukurikiza ibinyoma, bakaramya ibyaremwe bakabikorera kubirutisha Imana Rurema, ni yo ishimwa iteka ryose, Amen.

—Abaroma 1:25

Ariko, Imana yacu iri mu ijuru, Yakoze ibyo yashatse byose. Ibishushanyo ba bandi basenga ni ifeza n’izahabu, Umurimo w’intoki z’abantu. Bifite akanwa, ntibivuga: Bifite amaso, ntibirora: Bifite amatwi, ntibyumva: Bifite amazuru, ntibinukirwa: Bifite intoki, ntibikorakora: Bifite ibirenge, ntibigenda: Kandi ntibivugisha imihogo yabyo. Ababirema baza-

hwana na byo, N’ubyiringira wese.
—Zaburi 115:3-8

***Gusenga Ibigirwamana ni
Ugusenga Umubisha***

Nimuzibukire kuramyaga ibishushanyo. Reka da! Ahubwo mvuze yuko ibyo abapagani baterekereza babitererekereza abadayimoni, batabitura Imana: nanjye sinshaka ko musangira n’abadayimoni.

—1 Abakorinto 10:14b na 20

***Igihano Gikwiriye Abasenga
Ibigirwamana***

“N’abasenga ibishushanyo, ... umugabane wabo uzaba mu nyanja yaka umuriro n’amazuku; ni yo rupfu rwa kabiri.”

—Ibyahishuwe 21:8b

GUSENGA IBIGIRWAMANA (UMUBISHA) BYANGWA N'IMANA URUNUKA

*Imana Yarimbuye Amahanga
Iyaziza Ibigirwamana Bya-
bo—Nta Bigirwamana Bikwi-
riye kuba mu Nzu Yawe!*

Ibishushanyo bibajwe by'imana zabo uzabitwike; ntuzifuze ifeza cyangwa izahabu zabiya girijweho, ntuzazijyane, we gutegwa na zo, kuko ari ikizira, Uwiteka Imana yanyu yanga urunuka. Ntuzajyane ikizira mu nzu yawe, utagibwaho n'umuvumo nka cyo.

—Gutegeka Kwa Kabiri 7:25-26a

Ni kuki hariho ibigirwamana byinshi mu Bwoko bw'Imana bwatoranijwe; hakaba abatewe n'aba-

dayimoni mu gihe cy'umurimo wa Kristo? Ba sekuruza wabo basenze ibigirwamana!

Bakorera ibishushanyo by'ibigirwamana byayo, Bibahindukira ikigoyi. Batambiraga abadayimoni abahungu babo n'abakobwa babo. Bituma umujinya w'Uwiteka ucanwa ku bwoko bwe, Yanga urunuka umwandu we.

—Zaburi 106:36, 37, na 40

Ntukabyikubite imbere, ntukabikorere: kuko Uwiteka Imana yawe ndi Imana ifuha, mpora abana gukiranirwa kwa ba se, nkageza ku buzukuruza n'ubuvivi bw'abanyanga.

—Kuva 20:5

“Umurozikazi ntuzareke abaho.”

—Kuva 22:17

“Ntimugahindukirire abashitsi cyangwa abapfumu, ntimukabashikishe, ntimukabaraguze, ngo mu-biyandurishe.” —Abalewi 19:31a

Kandi nzaca uburozi buturuka mu kuboko kwawe; n'abacunnyi ntuzongera kubagira. —Mika 5:11

“Kuko ubugome busa n'icyaha cy'uburozi, kandi mudakurwa ku ijambo asa n'uramya ibishushanyo na Terafimu.” —1 Samweli 15:23a

“Numara kugera mu gihugu Uwitaka Imana yawe iguha ntuzige gukurikiza ibizira bikorwa n'ayo mahanga. Muri mwe ntihazaboneke ucisha umuhungu we cyangwa

umukobwa we mu muriro, cyangwa ukora iby'ubupfumu, cyangwa uragurisha ibicu, cyangwa umupfumu, cyangwa umurozi, cyangwa umwambuzi cyangwa ushikisha, cyangwa uragurira abantu ibizababaho, cyangwa umushitsi. Kuko ukora ibyo wese ari ikizira, Uwitaka yanga urunuka: kandi ibyo bizira ni byo bitumye Uwitaka Imana yawe izirukana ayo mahanga imbere yawe.

—Gutegeka Kwa Kabiri 18:9-12

Ubupfumu: Ni ubuhanga bwo kujijisha uvuga ibyenda kuzabaho mu buryo bwo guhamagara abazimu b'abantu bapfuye; tuvuge nko gushikisha.

**14 KUVUGA IBIZABA MBERE Y'IGIHE UFASHIJWE
N'IMYUKA MIBI (Abadayimoni)**

Imana Ibuzanya Kuraguza Inyenyeri, Ubukonikoni, Kwikeba ku Mubiri no Kwicisha Imanzi Zibishushanyo

“Ntimukagire icyo muryana n’amaraso yacyo, ntimukagire ibyo muragurisha naho byaba ibicu. Ntimukiraburisha kwikeba ku mubiri, kandi ntimukicisha imanzi z’ibishushanyo: ndi Uwiteka.”

—Abalewi 19:26 na 28

“Ariko mwebweho, ntimukumvire abahanuzi banyu, cyangwa abapfumu banyu, cyangwa inzozu zanyu cyangwa abacunnyi banyu ndetse n’abarozi banyu.”

—Yeremiya 27:9a

“Nzabanguka gushinja abarozi n’abasambanyi n’abarahira ibinyoma.” —Malaki 3:5b

Kuko ibishushanyo bisengwa bivuga ubusa, n’abapfumu bakaragura ibinyoma, abanyenzozu bakabeshya, bagahumurisha abantu ubusa ni cyo gituma abantu bazimira nk’intama, bakababara cyane kuko batagira umwungeri.

—Zekariya 10:2

Kuragura: Ni uburyo bwo kubwira umuntu ibizamubaho mu bihe biri imbere cyangwa se kumuhishurira ibyo atazi ukoresheje ibinyoma.

Uburaguzi: Ni uguhuma amaso y’abantu hifashishijwe imyuka mibi.

ZIBUKIRA UBURYO BWOSE BUREBANA N'UBUPFUMU

15

Ubupfumu Burebana n'Imyuka Mibi

Kandi nibababwira ngo “Nimushake abashitsi mubashikishe, mushake n'abapfumu, banwigira bakongorera.” Mbese abantu ntibari bakwiriye gushaka Imana yabo, bakaba ari yo babaza?

—Yesaya 8:19a

“Akazunguriza imyambi hirya no hino, akaraguza terafimu, kandi akareba no mu mwijima wo mu nda.”

—Ezekiyeli 21:21b

Ubupfumu Bukoreshwa Inkoni

Ubwoko bwanjye bugisha inama ikigirwamana cyabwo kibajwe mu

giti, kandi inshyimbo yabwo ni yo ibuhanurira; kuko umutima w'ubwamaraya wabuyobeje, bukagenda busambana, bukareka Imana yabwo.

—Hoseya 4:12

Igihano cy'Abakora Ubupfumu

Uko ni ko Sawuli yatanze, azize gucumura yacumuye ku Uwiteka, kuko atitondeye ijambo ry'Uwiteka, kandi kuko yashikishije umushitsi ngo amuhanuze, ntahanuze Uwiteka.

—1 Ngoma 10:13, 14a

“Abamenyi bazagira isoni, n'abapfumu bazashoberwa;...kuko ari nta gisubizo kivuye ku Mana.”

—Mika 3:7

16 UBURYO UMWAMI UTEGEKA IKIRERE AKORAMO

Abapagani Bakurikira Ubupfumu

Uku ni ko Uwiteka avuga ati “Ntimukigane imigenzo y’abanyamahanga, kandi ntimugaterwe ubwoba n’ibimenyetso byo mu ijuru; kuko ibyo bitera abanyamahanga ubwoba.” —Yeremiya 10:2

Ntukizere inzandiko cyangwa ibintu betera “amahirwe” cyangwa ngo wishyire mu by’imizika y’amashetani cyangwa amashusho ateye isoni. “**Sinzagira ikintu kidakwiriye nshyira imbere yanjye.**” (Zaburi 101:3a) Reka ubwibone, uburyarya n’idini ripfuye.

“...Mwa ndyarya mwe, muzabona ishyano: ... bigaragara inyuma ari byiza, nyamara imbere byu-

zuye... ibihumanya byose.

—Matayo 23:27

Kwiyahura Bituruka Kuri Sekibi

Ntukemere ibinyoma bituruka kuri Satani cyangwa se abadayimoni bakwemeza ko kwiyica bikuzanira umudendezo wo kukuvana mu ngorane cyangwa mu rubanza. “**Ntukice.**” (Kuva 20:13.)

Kristo Wenyine Abohora Umuntu amukūra mu rubanza
(Reba ku rupapuro rwa 48 na 49.)

Uwiteka ni imbaraga zanjye, n’indirimo zanjye, Ampindukiye agakiza. Uwo ni we Mana zanjye, nanjye ndayihimbaza; ni yo Mana ya data nanjye ndayishyira hejuru.

—Kuva 15:2

Maze Uwiteka arambwira ati
 “Abahanuzi bahanura ibinyoma
 mu izina ryanjye; si jye wabatu-
 mye, kandi sinabategetse, haba no
 kuvugana na bo. Babahanurira iye-
 rekwa ry’ibinyoma, n’iby’ubu-
 pfumu, n’ibitagize umumaro, n’u-
 buriganya bwo mu mitima yabo.”
 —Yeremiya 14:14

***Bunyura mu Kuvugana
 n’Abapfuye***

Wishingikirije ku Byahumetswe
 n’Imana, Umwami Dawidi yavuze
 ku mwana we w’umuhungu. “Ari-
 ko none amaze gupfa, ... we nta-
 bwo azagaruka aho ndi.”
 —2 Samweli 12:23

Ntukavugane n’imyuka mibi, ure-
 tse gusa igihe uyitegeka uyirukana
 mu izina rya Yesu. Ntukizere aba-
 ragurisha kureba mu biganza, n’indi
 mikino ijyana n’ubupfumu, impigi
 n’inzaratsi. “**Kunesha kuva ku Uwi-
 teka.**” (Imigani 21:31b.)

Kandi benshi mu bakoraga iby’u-
 bukunikoni bateranya ibitabo bya-
 bo by’ubukunikoni, babitwikira
 imbere ya rubanda rwose: babaze
 ibiciro byabyo, babona yuko bu-
 geze ku bice by’ifeza inzovu e-
 shanu. Uko ni ko ijamba ry’U-
 mwami ryagwiriye cyane, kandi
 rikomeza kuganza.

—Ibyakozwe N’intumwa 19:19, 20
 (Soma Itangiriro 35:2-5.)

KRISTO YAREMYE IGITSINA—SATANI WE AGIKORESHA MU BURYO BUTEMEWE

Igitsina Cyaremewe Abashakanye Gusa

Urwo rubavu Uwiteka Imana yakuye muri uwo muntu, iruhindura umugore imushyira uwo muntu. Ni cyo gituma umuntu azasiga se na nyina, akabana n'umugore we akaramata, bombi bakaba umubiri umwe. —Itangiriro 2:22 na 24

Kurongorana kubahwe na bose, kandi kuryamana kw'abarongoranye kwe kugira ikikwanduza; kuko abahehesi n'abasambanyi, Imana izabacira ho iteka.

—Abaheburayo 13:4

Abamaze kurongorana ndabate-

geka; nyamara si jye, ahubwo ni Umwami wacu: umugore ye kwahukana n'umugabo we. Ariko niba yahukanye, abe igishubaziko, cyangwa yiyunge n'umugabo we: kandi umugabo ye gusenda umugore we. —1 Abakorinto 7:10, 11
(*Reba Abaroma 7:2; Mariko 10:9.*)

Ukora ibyaha ni uwa Satani, kuko uhereye mbere na mbere Satani akora ibyaha. —1 Yohana 3:8a

Uri mu Maboko y'Uwo Wumvira

Ntimuzi yuko uwo mwihaye kuba imbata zo kumwumvira, muri imbata z'uwo mwumvira uwo?

—Abaroma 6:16a

UBUSAMBANYI BW'INGARAGU N' UBW'ABATA- 19 RASHYINGIRANYWE NI UKUGOMERA IMANA

“Ntugasambane.” –Kuva 20:14

Icyo Imana ishaka ni iki: ni ukwezwwa kwanyu no kwirinda gusambana. –1 Abatesalonike 4:3

“Umuntu nasambana n’umugore w’undi, usambanye na muka mugenzi we, umusambanyi n’umusambanyikazi ntibakabure kwicwa.” –Abalewi 20:10

Nuko rero umubiri si uwo gusambana, ahubwo ni uw’Umwami, kandi Umwami na we ni uw’umubiri. Ntimuzi yuko imibiri yanyu ari ingingo za Kristo? Muzibukire gusambana. Ibindi byaha byose umuntu akora bikorerwa

inyuma y’umubiri, ariko usambana, aba akoze icyaha cyo mu mubiri we.

–1 Abakorinto 6:13b, 15a na 18

“Ntukononeshe umukobwa wawe kumuhindura malaya, kugira ngo igihugu kidakurikiza ubusambanyi, kikuzura ibyaha bikomeye.”

–Abalewi 19:29

Ubusambanyi bw’ingaragu: Ni imibonano mpuzabitsina y’abantu b’ingaragu. Ubusambanyi bukorwa nyuma yo gushyingirwa hagati y’uwo.

Mutashakanye: Ni imibonano mpuzabitsina y’uwo mutashyingiranywe nyuma yo kwitirirwa uwo mwashakanye.

20 SATANI YANESHEJWE N'URUPFU RWA KRISTO

Nk'uko bose bokojwe gupfa na Adamu, ni ko bose bazahindurwa bazima na Kristo.

—1 Abakorinto 15:22

Nuko rero, nk'uko abana bahuje umubiri n'amaraso ni ko na we ubwe yahuje ibyo na bo, kugira ngo urupfu rwe aruhinduze ubusa ufite ubutware bw'urupfu, ni we Satani, abone uko abātūra abahoze mu bubata bwo gutinya urupfu mu kubaho kwabo kose.

—Abaheburayo 2:14, 15

Kandi imaze kunyaga abatware n'abafite ubushobozi, ibahemura ku mugaragaru, ibivuga hejuru,

ku bw'umusaraba.

—Abakolosayi 2:15

Ibyo Umwana w'Imana yerekaniwe ni ibi, ni ukugira ngo amareho imirimo ya Satani.

—1 Yohana 3:8b

Yadukijije, ikaduhamagara guhamagara kwera, itabitewe n'imirimo yacu, ahubwo ibitewe n'uko yabigambiriye ubwayo, no ku bw'ubuntu bwayo twaherewe muri Kristo Yesu uhereye kera kose, ariko none bukaba bwarerekanywe no kuboneka k'Umukiza wacu Kristo Yesu, wahinduye urupfu ubusa, akerekanisha ubugingo no kudapfa ubutumwa bwiza.

—2 Timoteyo 1:9, 10

Umurezi wanyu Satani azerera nk'intare yivuga, ashaka uwo aco-nshomera. Mumurwanye mushika-mye, kandi mufite kwizera guko-meye.
—1 Petero 5:8b, 9a

Mwambare intwaro zose z'Imana, kugira ngo mubashe guhagarara mudatsinzwe n'uburiganya bwa Sa-tani. Kuko tudakirana n'abafite a-maraso n'umubiri; ahubwo dukirana n'abatware n'abafite ubushobozi n'abategeka iyi si y'umwijima, n'i-myuka mibi y'ahantu ho mu ijuru. ... kugira ngo mubashe gukomera ku munsu mubi, ... mukenyeye ukuri, mwambaye gukiranuka nk'icyuma gikingira igituza: mu-

kwese inkweto, ni zo butumwa bwiza bw'amahoro...; kandi iki-geretse kuri byose, mutware kwi-zera nk'ingabo; ni ko muzashobo-za kuzimisha imyambi ya wa mu-bi yose yaka umuriro. Mwakire agakiza, kabe ingofero; mwakire n'inkota y'Umwuka, ni yo Jambo ry'Imana; musengeshe Umwuka iteka... mugumye rwose kuba maso.
—Abefeso 6:11-18a

Nuko rero mugandukire Imana, ariko murwanye Satani, na we azabahunga.
—Yakobo 4:7

Uri [Kristo] muri mwe aruta [Satani] uri mu b'isi.
—1 Yohana 4:4b

Kristo ni Ijwi ry'Imana

... Imana... naho muri iyi minsi y'imperuka yavuganiye natwe mu kanwa k'Umwana wayo, uwo yashyiriyeho kuba umuragwa wa byose, ni we yaresheje isi.

—Abaheburayo 1:1a, 2

Batangazwa no kwigisha kwe, ku-ko yabigishaga nk'ufite ubutware, ntase n'abanditsi. —Mariko 1:22

Ariko kuri twe hariho Imana imwe, ni yo Data wa twese, ikomokwamo na byose, ari yo natwe dukeshya byose: kandi hariho Umwami umwe, ni we Yesu Kristo, ubeshaho byose, natwe akatubeshaho.

—1 Abakorinto 8:6

“Kandi yamuhaye ubutware bwo guca amateka, kuko ari Umwana w'umuntu.” —Yohana 5:27

Uri iburyo bw'Imana, kuko yagiye mu ijuru, amaze guhabwa gutwara abamarayika n'abafite ubutware n'imbaraga. —1 Petero 3:22

Kuko icyatumye Kristo apfa akazuka, ari ukugira ngo abe Umwami w'abapfuye n'abazima.

—Abaroma 14:9

Nuko Yesu arabegera, avugana na bo, ati “Nahawe ubutware bwose mu ijuru no mu isi.”

—Matayo 28:18

KRISTO ARAVUGA KANDI AGAKORANA UBUTWARE 23

Akangutse, acyaha umuyaga, abwira inyanja ati “Ceceka utuze.” Umuyaga uratuza, inyanja iratungana rwose. —Mariko 4:39

Yakizaga Indwara Akoresheje Ubutware

“Ariko mumenye yuko Umwana w’umuntu afite ubutware mu isi bwo kubabarira abantu ibyaha.” Nuko abwira icyo kirema ati “Ndagutegetse, byuka, wikorere ingobyi yawe, utahe.” Arabyuka, yikorera ingobyi ye uwo mwanya, asohokera imbere yabo: nuko bose baratangara, bahimbaza Imana. —Mariko 2:10-12a

Kristo Yirukana Imyuka Mibi

Dayimoni aramutigisa, ataka ijwi rirenga, amuvamo. Bose baratangara, barabazanya bati “Ibi ni ibiki? Ko ari imyigishirize y’inza-duka! Mbega uburyo ategekana ubutware, n’abadayimoni na bo baramwumvira!” —Mariko 1:26, 27

Yazuye Abapfuye Akoresheje Ubutware

Yegera ikiriba, agikoraho: abakikoreye barahagarara. Ati “Muhungu, ndagutegetse, byuka!” Uwari upfuye arabaduka, atangira kuvuga: Yesu amusubiza nyina. —Luka 7:14, 15

KRISTO AHA ABAMUKURIKIRA UBUTWARE N'UBUSHOBOZI

Dore, mbahaye ubutware bwo kujya mukandagira inzoka na sikorupiyo n'imbaraga z'Umwanzi zose, kandi nta kintu kizagira icyo kibatwara rwose.

—Luka 10:19

Ahamagara abigishwa be cumi na babiri, arabateranya, abaha ubushobozi n'ubutware bwo gutegeka abadayimoni bose no gukiza indwara.

—Luka 9:1

“Ndababwira ukuri yuko umuntu wese wabwira uyu musozi ati ‘Shinguka, utabwe mu nyanja’, ntashidikanye mu mutima we, yi-

zeye yuko icyo avuze gikorwa, yakibona.”

—Mariko 11:23

“Ni ukuri, ni ukuri, ndababwira yuko unyizera, imirimo nkora na we azayikora.

—Yohana 14:12a

Yesu aramubwira ati “Uvuze ngo ‘Niba mbishobora’? Byose bishobokera uwizeye.”

—Mariko 9:23

Mumenye n'ubwinshi bw'imbaraga zayo butagira akagero, izo iha twebwe abizeye, nk'uko imbaraga z'ububasha bwayo bukomeye ziri.

—Abefeso 1:19

Nshobozwa byose na Kristo umpa imbaraga.

—Abafilipi 4:13

***Yicyahe. Yitegeke Kuvamo
mu Izina rya Yesu***

(Kuko yari amubwiye ati “Dayimoni we, muvemo!”) Aramubaza ati “Witwa nde?” Undi ati “Ingabo ni ryo zina ryanjye, kuko turi benshi.” ... Abadayimoni bamuvamo, binjira muri izo ngurube....

—Mariko 5:8, 9 na 13b

Yesu...acyaha dayimoni ati “Yewe dayimoni utavuga kandi utumva, ndagutegetse, muvemo, ntukamugarukemo ukundi.” Aratanga, aramutigisa cyane, amuvamo, asiga umuhungu asa n’upfuye, bituma benshi bavuga bati

“Arapfuye.” Yesu amufata ukuboko, aramuhagurutsa, arahagarara. “Bene uwo ntavanwamo n’ikindi keretse gusenga no kwiyiriza ubusa.”

—Mariko 9:25b-27 na 29b

Pawulo...arahindukira, abwira dayimoni ati “Ndagutegetse mu izina rya Yesu Kristo, muvemo!” Amuvamo muri ako kanya.

—Ibyakozwe N’intumwa 16:18b

Yesu aramucyaha ati “Hora, muvemo.” Dayimoni amutura hasi hagati yabo, amuvamo, atagize icyo amutwara.

—Luka 4:35

26 IZINA RYA YESU KRISTO RISUMBA AYANDI YOSE

“Kandi icyo muzasaba cyose mu izina ryanjye, nzagikorera kugira ngo Data yubahirizwe mu Mwana we.”
Yohana 14:13

Ni cyo cyatumye Imana imush-

Maze gusubiza umugore n’umuryango wanjye muri Afurika mu buryo bwo kwizera, kugira ngo njye gukomeza gukorera Kristo, hari ijoro rimwe naje gukangurwa n’umwuka mubi waje kumpagarara hejuru. Mu gihe nashatse gutera ivi ryanjye irye kugira ngo ndebe niba koko ari umwuka mubi, ako kanya wahise urisunika urisubizayo ukoresheje imbaraga zidasanzwe ku buryo wihutiye kuza vuba werekeye ku ijosi ryanjye ngo uhite uniga. Nata-tse gusa mu magambo abiri nti, “Yesu, mfasha!” Bidatinze, warahunze, kandi ibyo bintu ntibyongeye kunsubira kuva aho imyaka 45 ishiriye. Burya rero, hari imbaraga zitangaje mu Izina rya Yesu rinesha Satani n’abadayi-moni be bose! Iyambaze Izina rya Yesu kugira ngo rigukize kandi rikubohōre (Abaroma 10:13).

Umunsi umwe umutegarugori yabwiye umugore wanjye nanjye ukuntu akiri mu ishuri rikuru umusore umwe yaje kumujiyana gutembera ku muhanda w’aho

yira hejuru cyane, ikamuha izina risumba ayandi mazina yose: kugira ngo amavi yose apfukame mu izina rya Yesu.

—Abafilipi 2:9, 10a

gari ya moshi yanyuraga. Mu kanya gato agerageza kumwica kugira ngo ayobye uburari byitwa ko yishwe na gari ya moshi. Igihe yamutegekaga mu Izina rya Yesu Kristo, aba aratentebutse ntiyaba akimwishe. Mu mbaraga za Yesu, byatumye uwo mutegarugore ashorera uwo musore arinda amugeza kuri rya shuri rikuru baturutseho.

Undi mutegarugori yabwiye umugore wanjye nanjye yuko igihe kimwe yaje gufungura icyumba cy'ishyaka riragurira abantu ibizababaho mu buryo atatekerezaga. Nyuma y'aho imyuka mibi yatangiye kujya yigizayo ibibāzwa byari muri icyo cyumba ibikūra mu mwanya wabyo ikabizengurutse urudaca. Amaze gushoberwa ayirukana muri icyo cyumba cye mu Izina rya Yesu.

Ntuzigere ugirira impuhwe cyangwa ngo ubabarire Satani n'abadayimoni be. Umugambi wabo ni ukugushyira ku ruhande rwabo kuruta uko uba ku ruhande rw'Imana. Umukristo wari umaze igihe mu bukristo yaje gufatwa n'indwara itera intege nke mu mubiri ndetse no guta umutwe rugeretse, akaba yarambwiye ibintu Satani yajyaga amubwira. Yabitekerezaga "nk'umugerageza ngo arebe." Naje gutahūra ko Satani ari kabuhariwe mu kubeshya abantu ku buryo utapfa kwizera ijambo avuze ryose. Nacyashye Satani mu Izina rya Yesu Kristo Rishobora Byose." Yabonetse afite amahoro muri Kristo, mu byumweru bitanu bikurikira mbere y'uko yitaba Imana.

—Watson Goodman

28 KRISTO YESU NA SATANI BARAHABANYE

Kristo ni Imana Umuremyi

Kuko muri we ari mo byose byaremewe, ari ibyo mu ijuru cyangwa ibyo mu isi, ibiboneka n'ibitaboneka, intebe z'ubwami, n'ubwami bwose, n'ubutware bwose, n'ubushobozi bwose: ni we wabiremye byose.—Abakolosayi 1:16a

Kristo Atanga Umucyo n'Amahoro

Nuko rero Umwami wacu w'amahoro ajye abaha amahoro iteka ryose mu buryo bwose.

—2 Abatesalonike 3:16a

“Ukamurikira abicaye mu mwijima no mu gicucu cy'urupfu, No kuyobora ibirenge byacu mu nzira y'amahoro.” —Luka 1:79

Abadayimoni hamwe na Satani Bararimbura

Umujura ntazanwa n'ikindi kereke kwiba no kwica no kuri mbura. —Yohana 10:10a

“Naho wowe, wa si we, ... mugushije ishyano, kuko Satani yabamukiye afite umujinya mwinshi ” —Ibyahishuwe 12:12b

Satani Atanga Umwijima, Yica Urubozo

Inzira y'abanyabyaha ni nk'umwijima. —Imigani 4:19a

N'umutunzi na we arapfa, arahambwa. Ageze ikuzimu, arabazwa cyane; yubuye amaso.

—Luka 16:22b, 23a

Kristo ni We Kuri

Jambo uwo yabaye umuntu, abana natwe (tubona ubwiza bwe busa n'ubw'Umwana w'ikinege wa Se), yuzuye ubuntu n'ukuri. "Nimuguma mu ijambo ryanjye, muri abigishwa banjye nyakuri; namwe muzamenya ukuri, kandi ukuri ni ko kuzababatura."

—Yohana 1:14 na 8:31b, 32

Kristo Yuzuye Urukundo

Iki ni cyo kitumenyesha urukundo icyo ari cyo, ni uko Yesu yatanze ubugingo bwe ku bwacu: natwe ikidukwiriye ni uko twatanga ubugingo bwacu ku bwa bene Data.

—1 Yohana 3:16

Turayikunda, kuko ari yo yabanje kudukunda. —1 Yohana 4:19

Satani ni Se w'Ibinyoma

Mukomoka kuri so, Satani; kandi ibyo so ararikira, ni byo namwe mushaka gukora. Uwo yahereye kera kose ari umwicanyi; kandi ntiyahagaze mu by'ukuri, kuko ukuri kutari muri we. Navuga ibinyoma, aravuga ibye ubwe, kuko ari umunyabinyoma, kandi ni se w'ibinyoma.

—Yohana 8:44

Satani Ateza Umwuka w'Urwango

"Ab'isi nibabanga, mumenye ko babanje kunyanga, batarabanga."

—Yohana 15:18

Kristo Yeza Ubugingo

Ariko rero, iyo tugendeye mu mucyo, nk'uko na yo iri mu mucyo, tuba dufatanije ubwacu, kandi amaraso ya Yesu Umwana wayo atwezaho ibyaha byose.

—1 Yohana 1:7

Kristo Abohōra umuntu Amuvana mu Cyaha

Ntituzarushaho gukizwa umujinya w'Imana na we? —Abaroma 5:9b

Kristo Atanga Ubugingo Buhoraho

“Ubu ni bwo bugingo buhoraho, ko bakumenya, ko ari wowe Mana y'ukuri yonyine, bakamenya n'uwo watumye, ari we Yesu Kristo.”

—Yohana 17:3

Satani Ahumanya Ubugingo

Ntimuyobe: Imana ntinegurizwa izuru; kuko ibyo umuntu abiba, ari byo azasarura. Ubibira umubiri we, muri uwo mubiri azasaruramo kubora.

—Abagalatiya 6:7, 8a

Satani Akururira Abantu mu Cyaha

Ukora ibyaha ni uwa Satani.

—1 Yohana 3:8a

Satani Ayobora umuntu Akamugeza mu Rupfu rw'Iteka

Urukungu ni abana b'Umubi; umwanzi warubibye ni Umwanzi; ...urukungu... rugatwika.

—Matayo 13:38b-40a

***Ubu ni Umwami Utegeka
Iki Kirere***

Sinkivugana namwe byinshi, ku-
ko umutware w'ab'iyi si aza; ka-
ndi nta cyo amfiteho.

—Yohana 14:30

***Niba rero Ibintu Bitagenda
Neza, Bibimugayire***

Bene ubwo bwenge si bwo bu-
manuka buvuye mu ijuru, ahubwo
ni ubw'isi, ni ubw'inyamaswaba-
ntu, ndetse ni ubw'abadayimoni;
kuko aho amakimbirane n'into-
nganya biri, ari ho no kuvuru-
ngana kuri no gukora ibibi byose.

—Yakobo 3:15, 16

Igihe Satani ahindutse, arimbura
umudendezo wo kuramya Kristo ku

mugaragaro. Ntashobora kurimbura
umutima w'urukundo ukunda Kristo.
Komeza Ukwizera!

Bakimutera amabuye, aramba-
za, aravuga ati “Mwami Yesu, a-
kira umwuka wanjye.” Arapfuka-
ma, avuga ijwi rirenga ati “Mwa-
mi, ntubabareho iki cyaha.” Ama-
ze kuvuga atyo, arasinzira. Nuko
Sawuli na we ashima ko yicwa.

—Ibyakozwe N'intumwa 7:59, 60

Gutegeka kwe n'amahoro biza-
gwirira ku ntebe ya Dawidi n'u-
bwami bwe, bitagira iherezo kugi-
ra ngo bibukomeze, bibushyigiki-
ze guca imanza zitabera no guki-
ranuka uhereye none ukageza ite-
ka ryose.

—Yesaya 9:6a

Turabingira, bene Data, ku bwo kuzaza k'Umwami wacu Yesu Kristo no kuzamuteranirizwaho kwacu, Ntihakagire umuntu uboshya uburyo bwose, kuko uwo muni utazaza, kurya kwimūra Imana kutabanje kubaho, kandi urya munyabugome atarahishurwa, ni we mwana wo kurimbuka, ni umubisha wishyira hejuru y'icyitwa imana cyose cyangwa igise-ngwa, kugira ngo yicare mu ruse-ngerero rw'Imana, yiyerekane ko ari Imana. Ni bwo wa mugome azahishurwa, uwo Umwami Yesu azicisha umwuka uva mu kanwa ke, akamutsembesha kuboneka k'ukuza kwe. Kuza k'uwo mugo-

me kuri mu buryo bwo gukora kwa Satani, gufite imbaraga zose n'ibimenyetso n'ibitangaza by'ibinyoma.

—2 Abatesalonike 2:1, 3, 4, 8, 9

Cya kiyoka kiyiha imbaraga zacyo n'intebe yacyo y'ubwami, n'ubutware bukomeye. Ihabwa no gutwara imiryango yose n'amoko yose n'indimi zose n'amahanga yose. —Ibyahishuwe 13:2b, 7b

Baramya icyo kiyoka, kuko cyahaye iyo nyamaswa ubutware bwacyo; baramya n'iyi nyamaswa bati “Ni nde uhwanyeye n'iyi nyamaswa, kandi ni nde ubasha kuyirwanya?”

—Ibyahishuwe 13:4

Ni we uzavuga ibyo kugomera Isumbabyose; kandi azarenganya abera b'Isumbabyose. Azigira inama zo guhindura ibihe n'amategoko; kandi bizarekerwa mu maboko ye kugeza aho igihe n'ibihe n'igice cy'igihe bizashirira.

—Daniyeli 7:25

Ihabwa no kurama, ngo imare amezi mirongo ine n'abiri. Ibumburira akanwa kayo gutuka Imana no gutuka izina ryayo n'ihema ryayo n'ababa mu ijuru. Ihabwa kurwanya abera no kubanesha, ihabwa no gutwara imiryango yose n'amoko yose n'indimi zose n'amahanga yose. Abari mu isi bose bazayiramy, umuntu we-

se, izina rye ritanditswe mu gitabo cy'ubugingo cy'Umwana w'Intama watambwe uhereye ku kuremwa ku isi. Ufite ugutwi, niyumve. Nihagira ujyana abandi ho iminyago, na we ubwe azajyanwa ho umunyago: kandi uwicisha abandi inkota, na we akwiriye kwicishwa inkota. Aho ni ho kwihangana kw'abera kuri no kwizera kwabo. —Ibyahishuwe 13:5b-9

Ujye urwana intambara nziza yo kwizera, usingire ubugingo buhora, ubwo wahamagariwe, ukabwaturira kwatura kwiza imbere y'abahamya benshi.

—1 Timoteyo 6:12

NTUKIGERE URAMYA IGISHUSHANYO CYA ANTIKRISTO (Umwanzi urwanya Kristo)

*Umuyobozi w'Umunyadini w'isi
Afasha Umwanzi urwanya
Kristo Gushuka Abari mu Isi.
Ambaza (Ramya) cyangwa Upfe!*

Iyobesha abari mu isi ibyo bi-
menyetso yahawe gukorera imbere
ya ya nyamaswa, ibabwira kurema
igishushanyo cya ya nyamaswa, ya-
ri ikomerekejwe n'inkota, ikaba-
ho. Ihabwa guha icyo gishushanyo
cy'inyamaswa guhumeka, ngo ki-
vuge, kandi cyicishe abatakiramya
bose. Iyo nyamaswa ifatwa mpiri,
na wa muhanuzi w'ibinyoma, wa-
korera ibimenyetso imbere yayo,
akabiyobesha abashyizweho ikime-

nyetso cya ya nyamaswa n'abara-
mya igishushanyo cyayo, na we
afatanwa na yo. Bombi bajugu-
nywa mu nyanja yaka umuriro.
—Ibyahishuwe 13:14, 15 na 19:20a

Abantu b'Imana Ntibemera Izindi mana

“Niba ari ibyo, Imana yacu du-
korera ibasha kudukiza mu itanu-
ra ry'umuriro ugurumana; kandi
izadukiza ukuboko kwawe, Nyaga-
sani. Ariko naho itadukiza, Nya-
gasani, umenye ko tutari bukore-
re imana zawe haba no kuramya
icyo gishushanyo cy'izahabu wa-
koze.” —Daniyeli 3:17, 18

ANTIKRISTO: UMWIRA CYANGWA WICWE N'INZARA 35

Itera bose, aboroheje n'abakomeye n'abatunzi n'abakene, n'ab'umudendezo n'ab'imbata, gushyirwaho ikimenyetso ku kiganza cy'iburyo cyangwa mu ruhanga: kugira ngo hatagira umuntu wemererwa kugura cyangwa gutunda, keretse afite icyo kimenyetso, cyangwa izina rya ya nyamaswa cyangwa umubare w'izina ryayo... Ufite ubwenge, abare umubare w'iyonyamaswa,...kandi umubare we ni magana atandatu na mirongo itandatu n'itandatu.

—Ibyahishuwe 13:16-18

Umunsi Uhebuje Uzazira Abakijijwe

“Aba ni abavuye muri urya mu babaro mwinshi, kandi bameshe

ibishura byabo, babyejeshama raso y'Umwana w'Intama. Ni cyo gituma baba imbere y'intebe y'Imana, bakayikorera mu rusengerorwayo ku manywa na nijoro: kandi Iyicaye ku ntebe izabambaho ihema ryayo. Ntibazicwa n'inzara ukundi, kandi ntibazicwa n'inyota ukundi kandi izubantirizabica cyangwa icyokere cyose, kuko Umwana w'Intama uri hagati y'intebe y'ubwami azabagira, akabuhira amasoko y'amazi y'ubugingo; kandi Imana izahagurira amarira yose ku maso yabo.”

—Ibyahishuwe 7:14b-17

Biraruta Kwinjira mu Ijuru Ushonje Kuruta Kujya mu Irimbukiro Wijuse!

**36 ABANTU BOSE BARAMYA ANTIKRISTO BAZA-
CIRWAHO ITEKA, CYANGWA SE ABAHABWA
IKIMENYETSO CYE KU MUBIRI WABO KUGIRA NGO
BEMERERWE KUGURA CYANGWA KUGURISHA**

Marayika wundi wa gatatu aku-rikiraho, avuga ijwi rirenga ati “Umuntu naramya ya nyamaswa n’igishushanyo cyayo, agashyirwaho ikimenyetso cyayo mu ruhanga rwe cyangwa ku kiganza, uwo ni we uzanywa ku nzoga, ni yo mujinya w’Imana, yiteguwe idafunguwemo amazi mu gacuma k’umujinya wayo. Kandi azababazwa n’umuriro n’amazuku imbere y’abamarayika bera n’imbere y’Umwana w’Intama.

“Umwotsi wo kubabazwa kwabo ucumba iteka ryose; ntibaruhuka ku manywa na nijoro, abaramya ya nyamaswa n’igishushanyo cyayo, umuntu wese ushyirwaho ikimenyetso cy’izina ryayo.”

...Numva ijwi rivugira mu ijuru rimbwira riti “Andika uti ‘Uhereye none hahirwa abapfa bapfira mu Mwami wacu.’” Umwuka na we aravuga ati “Yee, ngo baruhuke imihati yabo, kuko imirimo yabo ijyanye na bo ibakurikiye.” —Ibyahishuwe 14:9-13

KUNESHA IKIMENYETSO N'IGISHUSHANYO BYA 37 SATANI MBERE YUKO UMUJINYA UTERA KU ISI

Ni cyo bamarayika barindwi bafite ibyago birindwi, ni byo by'imperuka, kuko muri ibyo ari mo umujinya w'Imana wuzurira. Mbona igisa n'inyanja y'ibirahuri, bivanze n'umuriro, mbona n'abatabarutse banesheje ya nyamaswa n'igishushanyo cyacyo n'umubare w'izina ryayo, bahagaze kuri iyo nyanja y'ibirahuri, bafite inanga z'Imana, baririmba indirimbo ya Mose, imbata y'Imana, n'indirimbbo y'Umwana w'Intama, bati "Mwami Imana Ishoborabyose, imirimo yawe irakomeye kandi iratangaje. Mugabe w'amahanga,

inzira zawe ni izo gukiranuka n'ukuri. Numva ijwi rirenga rivugira muri rwa rusengeru, ribwira abo bamarayika barindwi riti "Nimugende, musuke mu isi izo nzabya ndwi z'umujinya w'Imana."

—Ibyahishuwe 15:1b-3 na 16:1

Mbona imyuka y'abaciwe ibihanga, babahōra guhamya kwa Yesu n'ijambo ry'Imana, ni bo batāramije ya nyamaswa cyangwa igishushanyo cyayo, kandi batashyizweho ikimenyetso cyayo. Barazuka bīmana na Kristo imyaka igihumbi. —Ibyahishuwe 20:4b

HARIMAGEDONI, INTAMBARA IRWANYA KRISTO IHAGARARA

*Abadayimoni Bateranyiriza
Amahanga hamwe kugira ngo
Arwane*

Kuko ari yo myuka y'Abadayimoni, ikora ibitangaza, igasanga abami bo mu isi yose, ngo ibahururize kujya mu ntambara yo ku muni ukomeye w'Imana Ishoborabyose. Ibateraniriza ahantu mu Ruheburayo hitwa Harimagedoni.

—Ibyahishuwe 16:14 na 16

Kristo Abohoza Igihugu Cy'e n'Ubwoko Bwe Bwatoranijwe, Isirayeli

“Dore nzahindura i Yerusalemu igikombe kidandabiranye... Uwo muni i Yerusalemu nzahahindura ibuye riremerera amahanga

yose; abazaryikorera bose bazakomereka cyane; kandi amahanga yose yo mu isi azateranira kuhanirwanya.” Maze Uwiteka azahururira arwane n'ayo mahanga, nk'uko yajyaga arwana mu ntambara. Iki ni cyo cyago Uwiteka azateza amahanga yose yarwanije i Yerusalemu. Bazashira bahagaze, amaso yabo azashirira mu bihene, kandi indimi zabo zizaborera mu kanwa.

—Zekariya 12:2a, 3; 14:3, 12

Ubwo Imana iri mu ruhande rwacu, umubisha wacu ni nde?

—Abaroma 8:31b

Umujinya w'Imana uhishurwa,
uva mu ijuru, ubyukirijwe ubugome
no gukiranirwa by'abantu byose.
—Abaroma 1:18a

Mu kanwa ke havamo inkota
ityaye, kugira ngo ayikubite amahanga:
azayaragize inkoni y'icyuma. Yengesha
ibirenge mu muvure w'inkazi y'umujinya
w'Imana, Ishoborabyose, Kandi ku mwenda
we no ku kibero cye afite izina ryanditsweho,
ngo **UMWAMI W'ABAMI, N'UMUTWARE UTWARA
ABATWARE.**

—Ibyahishuwe 19:15, 16

“Kandi azahora ku ngoma iteka ryose.”
—Ibyahishuwe 11:15b

Antikristo Ategeka Imyaka Mikeya. Kristo Ategeka Imyaka 1.000 Hano, Nyuma Akima Iteka Ryose.

Ahubwo bazaba abatambyi b'Imana na Kristo, kandi bazimana na yo iyo myaka igihumbi.
—Ibyahishuwe 20:6b

Nuko ku ngoma z'abo bami, Imana yo mu ijuru izimika ubundi bwami, butazarimbuka iteka ryose.
—Daniyeli 2:44a

Mwami, amahanga yose waremye azaza, Akwikubite imbere, akuramyeye: Kandi bazahimbaza izina ryawe.
—Zaburi 86:9

40 SATANI ATSINDWA INTAMBARA ARWANA N'IMANA

Mu ijuru habaho intambara. Mikayeli n'abamarayika be babatarira kurwanya cya kiyoka: ikiyoka kirwanana n'abamarayika bacyo. Ntibanesha, kandi mu ijuru ahabo ntihaba hakiboneka. Cya kiyoka kinini kiraci-bwa, ni cyo ya nzoka ya kera, yitwa Umwanzi na Satani, ni cyo kiyobyabari mu isi bose; nuko kijugunywa mu isi, abamarayika bacyo bajugunyanwa na cyo. Numva ijwi rirenga rivugira mu ijuru riti "Noneho agakiza karasohoye, gasohoranye n'ubushobozi n'ubwami bw'Imana yacu n'ubutware bwa Kristo wayo: kuko Umurezi wa bene Data ajugu-

nywe hasi, wahoraga abarega ku manywa na nijoro imbere y'Imana yacu." —Ibyahishuwe 12:7-10

"Na bo bamuneshesheje amarasoy'Umwana w'Intama n'ijambo ryo guhamya kwabo, ntibakunda amagara yabo, ntibanga no gupfa." —Ibyahishuwe 12:11

Gucirwaho Iteka Ryose kwa Satani

Umuriro uzamanuka uva mu ijuru, ubatwike; kandi Satani wabayobyaga ajugunywe muri ya nyanja yaka umuriro n'amazuku, irimo ya nyamaswa na wa muhanuzi w'ibinyoma. Bazababazwa ku manywa na nijoro iteka ryose.

—Ibyahishuwe 20:9b, 10

*Umwami Kristo Ari ku Ngoma
Iteka Ryose*

Uwiteka, gukomera n'imbaraga n'icyubahiro no kunesha n'igityiro ni ibyawwe; kuko ibiri mu ijuru n'ibiri mu isi ari ibyawwe; ubwami ni ubwawe Uwiteka, ushyizwe hejuru, ngo ube usumba byose.
—1 Ngoma 29:11

Nk'uko bose bokojwe gupfa na Adamu, ni ko bose bazahindurwa bazima na Kristo; ariko umuntu wese mu mwanya we, kuko Kristo ari we muganura, maze hanyuma aba Kristo bakazabona kuzuka ubwo azaza. Ni bwo impe-

ruka izaherako isohore, ubwo azashyikiriza Imana ubwami, ni yo Data wa twese, amaze gukuraho ingoma zose n'ubutware bwose n'imbaraga zose: kuko akwiriye gutegeka, kugeza aho azashyirira abanzi be muni y'ibirenge bye. Umwanzi uzaheruka gukurwaho ni urupfu. —1 Abakorinto 15:22-26

“Marayika wa karindwi avuza impanda. Mu ijuru havuga amajwi arenga, ngo “Ubwami bw'isi bubaye ubw'Umwami wacu n'ubwa Kristo we, kandi azahora ku ngo ma iteka ryose.”

—Ibyahishuwe 11:15

42 SATANI N'ABADAYIMONI, NI ABANZI BAWE

*Satani Ahumanya Umubiri,
Ubugingo akoresheje Abagabo
bendana, Ubwicanyi bw'Impinja
zikiri mu nda, no Guterwa
n'Abadayimoni.*

... Abagabo... bashyushywa no
kurarikirana... bituma mu mibiri
yabo bagarurirwa ingaruka mbi.
—Abaroma 1:27

Hariho ibintu... Uwiteka yanga,
... Amaboko avusha amaraso y'u-
tariho urubanza.
—Imigani 6:16a, 17b

“Ni ko kugenda, akazana aba-
ndi badadayimoni barindwi bamu-
rusha kuba babi, bakinjira baka-
bamo. Ibyo hanyuma by'uwo mu-

ntu bikarusha ibya mbere kuba
bibi.” —Matayo 12:45a

Kandi ibyo si igitangaza, kuko
na Satani ubwe yihindura nka ma-
layika w'umucyo.

—2 Abakorinto 11:14

Shaka gusa Imana Ihoraho. Ntu-
kambaze “ikindi kigirwamana” kugi-
ra ngo ukunde umenye ibizakuba-
ho, cyangwa se ngo usome ibiri mu
ntekerezo z'abantu n'ubwo byaba
ibyo gukiza umubiri, cyangwa se
gushaka ubuyobozi.

Ntukishyire mu bugenzuzi bw'u-
mwuka uwo ari wo wose utari U-
mwuka Wera w'Imana. Emera Bibliya
yonyine n'Umwami Yesu Kristo.

(Reba Ibyahishuwe 19:13.)

Inyigisho Yose Iyobya Umuntu Imukuye mu Nzira Ifunganye y'Imbabazi, Kwezwa, no Gucungurwa Kunyuze mu Maraso n'Ubumuntu bya Kristo, aba ari Ikinyoma kandi irimo Uburiganya.

Yesu arabasubiza ati “Mwirinde hatagira umuntu ubayobya, kuko benshi bazaza biyita izina ryanjye bati ‘Ni jye Kristo’; bazayobya benshi. N’abahanuzi benshi b’ibinyoma bazaduka bayobye benshi.”
—Matayo 24:4, 5, na 11

Hariho benshi bagenda ukundi, abo nababwiye kenshi, na none

ndabababwira ndira, yuko ari abanzi b’umusaraba wa Kristo: amahezezo yabo ni ukurimbuka: imana yabo ni inda. —Abafilipi 3:18, 19a

*Amaraso Ya Kristo y'Igiciro
Aracungura*

Kuko muzi yuko ibyo mwacungujwe ngo muve mu ngeso zanyu zitagira umumaro mwatojwe na ba sekuruza banyu atari ibyangirika nk’ifeza cyangwa izahabu, ahubwo mwacungujwe amaraso y’igiciro cyinshi, nk’ay’umwana w’intama utagira inenge cyangwa ibara, ni yo ya Kristo, abo yahaye kwizera Imana.

—1 Petero 1:18, 19 na 21a

Ntwarwa N'lhame ry'Icyaha

Kuko twese twahindutse abanduye, kandi n'ibyo twakiranutse byose bimeze nk'ubushwambagara bufite ibizinga; twese turaba nk'ikibabi, kandi gukiranirwa kwacu kudutwara nk'umuyaga.

—Yesaya 64:5

Umujinya Ku Mwuka Wo Kutumvira

Ibyo mwagenderagamo kera, mukurikiza imigenzo y'iyi si, mugakurikiza umwami utegeka ikirere, ni we mwuka ukorera mu batumvira. Kandi natwe twese twahoze muri bo, dukurikiza ibyo kamere yacu yifuza, tugakora ibyo kamere n'imitima byacu byishakira, ka-

ndi ku bwa kavukire yacu twari abo kugirirwa umujinya, nk'abandi bose.

—Abefeso 2:2, 3

Satani Ashyira mu Bubāta Udakijijwe

Ariko niba ubutumwa bwiza twahawe butwikiriwe, butwikiririwe abarimbuka, ni bo batizera, abo imana y'iki gihe yahumiye imitima, kugira ngo umucyo w'ubutumwa bw'ubwiza bwa Kristo, ari we shusho y'Imana, utabatambikira.

—2 Abakorinto 4:3, 4

Muri Kristo Hari Ukunesha

Nuko rero noneho abari muri Kristo Yesu nta teka bazacirwaho.

—Abaroma 8:1

“Umurima ni isi; imbuto nziza ni zo bana b’ubwami, urukungu ni abana b’Umubi. —Matayo 13:38

Mukomoka kuri so, Satani; kandi ibyo so ararikira, ni byo namwe mushaka gukora.

—Yohana 8:44a

Muri Adamu, Tugomera Imana

“Uwo tutabana ni umwanzi wanjye, kandi uwo tudateranyiriza hamwe arasandaza.”

—Matayo 12:30

*Iyi Ni Yo Mpamvu Dukwiriye
Kubyarwa n’Umwuka Wa Kristo
Bundi Bushya*

Umuntu wese iyo ari muri Kristo, aba ari icyaremwe gishya:

ibya kera biba bishize, dore byose biba bihindutse bishya.

—2 Abakorinto 5:17

Intama zanjye zumva ijwi ryanjye, nanjye, ndazizi, kandi zirankurikira. Nziha ubugingo buhora.

—Yohana 10:27, 28a

Wihe Umwami Yesu Nonaha

Dore none ni cyo gihe cyo kwe-mererwamo, dore none ni wo munsu wo gukirizwamo.

—2 Abakorinto 6:2b

Ariko nitwatura ibyaha byacu, ni yo yo kwizerwa kandi ikirankira kutubabarira ibyaha byacu, no kutwezaho gukiranirwa kose.

—1 Yohana 1:9

Ni nde wadutandukanya n'urukundo rwa Kristo? Mbese ni amakuba, cyangwa ni ibyago, cyangwa ni ukurenganywa, cyangwa ni inzara, cyangwa ni ukwambara ubusa, cyangwa ni ukuba mu kaga, cyangwa ni inkota? Oya, ahubwo muri ibyo byose turushishwaho kunesha n'uwadukunze.

—Abaroma 8:35 na 37

Kuko icyabyawe n'Imana cyose kinesha iby'isi: kandi uku ni ko kunesha kwanesheje iby'isi, ni ukwizera kwacu. —1 Yohana 5:4

Ingororano Zihabwa Abaneshya

“Ufite ugutwi, niyumve ibyo Umwuka abwira amatorero. Unesha,

nzamuha kuri manu yahishwe, muhe n'ibuye ryera, ryanditsweho izina rishya ritazwi n'umuntu wese, keretse urihabwa.”

—Ibyahishuwe 2:17

“Unesha, akitondera imirimo yanjye, akageza ku mperuka, nzamuha ubutware bwo gutwara amahanga yose.” —Ibyahishuwe 2:26

***Uri Uw'Igiciro Cyane ku Mana.
I Gologota Harabihamya! Imana
Ni iy'Igiciro Cyane Kuri Wowe!***

Si uko twihagije ubwacu, ngo dutekereze ikintu cyose nk'aho ari twe cyaturutseho, ahubwo tubashishwa n'Imana.

—2 Abakorinto 3:5

*Uzagaragarire Hamwe na
Kristo Mu Bwiza*

Nuko rero, niba mwarazuranywe na Kristo, mujye mushaka ibiri hejuru, aho Kristo ari, yicaye iburyo bw’Imana. Mujye muhoza umutima ku biri hejuru, atari ku biri mu si. Kandi ubwo Kristo, ari we bugingo bwacu, azerekanwa, namwe muzaherako mwerekananwe na we muri mu bwiza. Nuko noneho mwise ingeso zanyu z’iby’isi; gusambana, no gukora ibiteye isoni, no kurigira, no kurarikira, n’imyifurize yose, ni yo gusenga ibigirwamana: ibyo ni byo bizanira umujinya w’Ima-

na abatumvira.

—Abakolosayi 3:1, 2 na 4-6
*Cyangwa se Uzavumwe Hamwe
na Satani Iteka Ryose*

“Maze azabwira n’abari ibumoso ati ‘Nimuve aho ndi, mwa bivume mwe, mujye mu muriro w’iteka watunganirijwe Umwanzi n’abamarayika be.’” —Matayo 25:41

Abanyabyaha bazasubizwa ikuzimu, Ni bo mahanga yose yibagirwa Imana. —Zaburi 9:18

Ukuboko kwawe nikugucumuza, uguce: ibyiza ni uko wakwinjira mu bugingo usigaranye ukuboko kumwe, biruta ko wajya muri Gehinomu y’umuriro utazima ufite amaboko yombi. —Mariko 9:43

Icisha Bugufi

Ahamagara umwana muto, amuhagarika hagati yabo, arababwira ati “Ndababwira ukuri yuko nimudahinduka ngo mumere nk'abana bato, mutazinjira mu bwami bwo mu ijuru. Nuko uzicisha bugufi nk'uyu mwana muto, ni we mukuru mu bwami bwo mu ijuru.”
—Matayo 18:2-4

Ihane icyaha

Ni ko Yohana yaje, abatiriza mu butayu, abwiriza abantu iby'umubatizo wo kwihana ngo bababarirwe ibyaha. Nuko bamaze kubohesha Yohana, Yesu ajya i Ga-

lilaya, avuga ubutumwa bwiza bw'Imana, ati “Igihe kirasohoye, ubwami bw'Imana buri hafi: nuko mwihane, mwemere ubutumwa bwiza.”
—Mariko 1:4 na 14, 15

“Ndababwira yuko atari ko biri, ahubwo namwe nimutihana, muzarimbuka mutyo mwese.”
—Luka 13:3

“Nuko mwihane muhindukire, ibyaha byanyu bihanagurwe, ngo iminsi yo guhemburwa ibone uko iza, ituruka ku Umwami Imana.”
—Ibyakozwe N'intumwa 3:19

(*Bikomereje ku rupapuro rukurikiraho.*)

AKIRA KRISTO NK'UMUKIZA WAWU UYO MUNSI

Iyegurire Yesu Kristo

Ikoreze Uwiteka urugendo rwawe rwose, Abe ari we wiringira, na we azabisohoza.

–Zaburi 37:5

Kuko Imana yakunze abari mu isi cyane, byatumye itanga Umwana wayo w'ikinege, kugira ngo umwizera wese tarimbuka, ahabwo ahabwe ubugingo buhoraho.

–Yohana 3:16

Baramusubiza bati “Izere Umwami Yesu, urakira ubwawe n’abo mu rugo rwawe.”

–Ibyakozwe N’intumwa 16:31

Imana Itanga Ubushobozi Bwo Kuba Abana Bayo

Icyakora abamwemeye bese, bakizera izina rye, yabahaye ubushobozi bwo kuba abana b’Imana.

–Yohana 1:12

Atura Kristo mu Ruhame

Niwatuzza akanwa kawe yuko Yesu ari Umwami, ukizera mu mutima wawe yuko Imana ya- muzuye, uzakizwa; kuko umuti- ma ari wo umuntu yizeza, akabarwaho gukiranuka; kandi akanwa akaba ariko yatuza, agak- izwa: Kuko ibyanditswe bivuga bita “Umwizera wese ntazakorwa n’isoni.”

–Abaroma 10:9-11

Imirongo ikoreshejwe muri aka gatabo yauruye muri Bibliya Yera yavuguruwe mu mwaka wa 1993 bahawe uburenganzira n' Abasoma Bibliya, Africa Regional Centre-Kenya.

Published in numerous languages by World Missionary Press, Inc., as God supplies funds in answer to prayer. **For questions or more information by country, visit: www.wmp-contacts.org**

World Missionary Press
PO Box 120
New Paris, IN 46553-0120 USA
www.wmpress.org

2-24



Read booklets online or by App
www.wmp-readonline.org

1443 Kinyarwanda VJC